REPUBULIKA Y'U RWANDA

IGITABO GIKUBIYEMO SERIVISI ZIHABWA ABATURAGE

Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo (MIFOTRA)

Boulevard de l'Umuganda, Kacyiru
(Ihererye mu nyubako ikoreramo MIFOTRA na MINALOC)
Agasanduku k'Iposita 403, Kigali
Tel: (250) 587540/583371
Fax: (250) 583374/583621
www.mifortra.gov.rw

ISHAKIRO

IRIBURIRO.....3
INTANGIRIRO.....4
INTEGO.....4
INSHINGANO Z'IBANZE.....5
SERIVISI ZITANGWA NA MINISITERI.....6
A. ISHAMI RISHINZWE IMICUNGIRE N'ITERAMBERE BY'ABAKOZI BA LETA.....6
1.INAMA KU MPAKA MU BAKOZI BA LETA.....6
2.GUSABA GUHAGARIKA AKAZI MU GIHE KITAZWI.....8

3. GUSABA ICYEMEZO CY'UKO WAKOREYE LETA.....10
4. GUSABA ICYEMEZO CY'UMUSHAHARA.....11
5. GUHABWA IBARUWA IGUSHYIRA MU MWANYA.....12
6. GUSABA IBARUWA IGUSHYIRA MU KIRUHUKO CY'IZA BUKURU.....13

B.SERIVISI ZITANGWA N'ISHAMI RISHINZWE IGENAMIGAMBI, IVUGURURA RY'INZEGO NO KONGERERA ABAKOZI UBUSHOBOZI.....14

7.GUSABA ICYEMEZO CYO KUJYA MU MAHUGURWA HANZE Y'IGIHUGU (A QUI DE DROIT).....14

C. SERIVISI ZITANGWA N'UBUYOBOZI BUKURU BW'UMURIMO.....17

8. KUMENYEKANISHA NO GUSOBANURA AMATEGEKO AGENGA UMURIMO.....17
GUSABA IBARURISHAMIBARE RIJYANYE N'UMURIMO.....18
KUNGA NO GUHUZA UMUKOZI N'UMUKORESHA KU MPAKA ZIJYANYE N'UMURIMO.....20
9.GUTANGAZA IMYANYA ICYENEYE ABAKOZI MU MIRYANGO MPUZAMAHANGA.....22
10.KWANDIKA ABIFUZA KWIMENYEREZA UMWUGA.....24
11.GUTEZA IMBERE UMURIMO W'URUBYIRUKO N'ABAGORE.....26
12.KWANDIKA INGAGA Z'ABAKOZI.....29
D.SERIVISI ZITANGWA N'ISHAMI RISHINZWE IMARI N'UBUTEGETSI.....31
KWISHYURA FAGITIRE N'AMASHEKI.....31
13.KWISHYURA AMAFARANGA Y'AMAHUGURWA N'NGENDO Z'INDEGE.....34

IRIBURIRO

Nshimishijwe no kubagezaho igitabo gikubiyemo serivisi zitangwa na Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo.

Iki gitabo kikaba cyarateguwe hashingiwe kuri gahunda ya Leta y'ivugurura ry'Inzego z'Imirimo ya Leta, kikaba kigamije gusubiza ibyifuzo by'Abaturage, gukorera mu mucyo no gukangurira abakozi kwita ku nshingano zabo bubahiriza ibyo bagomba gukorera abaturage.

Kirerekana kandi inshingano za Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo, kikagaragaza serivisi zitangwa n'ibisabwa kugira ngo uhabwe izo serivisi, Urwego cyangwa Ishami rishinzwe gutanga izo serivisi n'ibyangombwa bifasha mu kubona izo serivisi.

Ishyirwaho ry'iki gitabo rirerekana ubushake bwacu bwo kwakira neza abatugana hagamijwe kugirana nabo umushyikirano no guha imbaraga ibijyanye no gutanga serivisi nziza.



SAMUEL MULINDWA

Umunyamabanga Uhoraho

1. INTANGIRIRO

Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo, iyoborwa na Minisitiri, ifite inshingano zo gukora ibi bikurikira :

a) Gushyiraho, gukurikira no kugenzura Politiki na Porogaramu z'Igihugu zigamije iterambere ry'imicungire y'Abakozi bo mu Butegetsi bwa Leta, guteza imbere Ubumenyingiro n'Umurimo ;

b) Gutangiza Porogaramu zigamije kunoza no kunonosora Inzego z'Imitegekere za Leta no kureba no kugenzura uko abakozi barangiza inshingano n'imihigo bihaye;

c) Gutegura Imitere y'Inzego z'Imirimo ya Leta no gushyiraho uburyo bwo kuzihuza n'igihe;

d) Gushyiraho ingamba z'imicungire yo guhemba Abakozi no gukurikirana ibijyanye n'imishahara mu Nzego z'imitegekere za Leta;

e) Gushyiraho Porogaramu n'ingamba zigamije kongerera ubumenyi abantu bakuru ndetse n'urubyiruko kugira ngo babashe kwihangira imirimo no kurwanya ubukene;

f) Gushyiraho Ubuyobozi bukwiriye buhuje n'ibisabwa n'Amategeko n'Amasezerano Mpuzamahanga;

g) Guhuza inshingano z'abafatanyabikorwa no gushakisha inkunga ikenewe kugira ngo habeho kunoza imiyoborere, kongerera Abanyarwanda ubumenyi n' ubushobozi hagamijwe guteza imbere umurimo; no

h) Gushyiraho ingamba zo kunoza no kongerera ingufu serivisi z'ubugenzuzi bw'Umurimo.

Izi nshingano zose zikorerwa mu Mashami ane, buri Shami rikaba rifite ibyo rishinzwe bitandukanye n'iby'andi Mashami.

A. Ubuyobozi Bukuru bw'Umurimo

B. Ishami rishinzwe Iterambere n'Imicungire by'Abakozi ba Leta

C. Ishami rishinzwe Igenamigambi, Ivugurura ry'Inzego no Kongerera Abakozi Ubushobozi

D. Ishami rishinzwe Imari n'Ubutegetsi

2. **ICYEREKEZO**

(a) Kugira Ubuyobozi bukwiye kandi buzi icyo bushaka kugeraho, gutanga serivisi hitawe ku byifuzo n'ibibazo by'abaturage, byose muri gahunda y'Imiyoborewre Myiza.

(b) Gushyiraho uburyo bw'iterambere ry'Imibereho Myiza buteza imbere ukwiyongera kw'Imirimo itanga inyungu irwanya ubukene no kongera ubushobozi bw'abakozi babasha guhangana ku isoko ry'umurimo mu karere no ku rwego Mpuzamahanga.

3. **INTEGO**

Guha Inzego z'Imitegekere za Leta imiterere inoze n'abakozi bazifasha kuzuza no kurangiza inshingano zo gutanga serivisi nziza ku giciro gito, aho gukorera hanoze hajyanye n'amahame mpuzamahanga y'ubuzima, Ubwiteganyirize, korohereza abantu kwihangira imirimo no kwagura no guteza imbere amasoko y'imirimo.

4. **INSHINGANO Z'IBANZE**

Inshingano z'ibanze za Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo ni:

- Guteza imbere no gukwirakwiza mu Nzego Politiki, Ingamba na Porogaramu
- Gushyiraho amategeko agenga Inzego n'Amashami yazo
- Kongerera ubushobozi Inzego n'Abakozi
- Gukurikirana no kugenzura ishyirwamubikorwa rya politiki, ingamba na porogaramu by'Inzego n'Amashami yazo
- Kugenzura Inzego ishinzwe kureberera
- Gushakisha ibyangombwa nkenerwa bigamije iterambere ry'Inzego na porogaramu zazo

5. SERIVISI ZITANGWA NA MINISITERI

A. ISHAMI RISHINZWE IMICUNGIRE N'ITERAMBERE BY'ABAKOZI BA LETA

1. INAMA KU MPAKA MU BAKOZI BA LETA

Ubwoko bwa serivisi: Uburenganzira bw'Abakozi

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	MIFOTRA yakira ibibazo birebana n'impaka zijyanye n'akazi ku bakozi ba Leta. Mbere yo kugeza ikibazo kuri MIFOTRA, abakozi ba Leta basabwa kubanza kukigeza ku Muyobozi wabo.
Serivisi itangwa ryari?	Ku wa mbere kugeza ku wa gatanu, kuva saa moya za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba.
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Mu gihe ibyangombwa byose bisabwa byatanzwe, igisubizo kiboneka mu minsi itanu.
Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?	Serivisi ntiyishyurwa
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	• Ibaruwa isobanura imiterere y'ikibazo yandikiwe Minisitiri • Izindi nyandiko cyangwa ibyangombwa bishobora kuba byafasha kugaragaza imiterere y'ikibazo

Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?	• Kujya mu Bunyamabanga Rusange bwa MIFOTRA; • Gutanga ibyangombwa bisabwa byose ; • Iyo hari andi makuru ajyanye n'ikibazo cyawe akenewe, MIFOTRA iraguhamagara mukabivuganaho; • MIFOTRA ikora ikusanyamakuru n'ipererereza ku miterere y'ikibazo; • Iyo ikusanyamakuru n'ipererereza birangiye, umenyeshwa, mu buryo bw'inyandiko, umwanzuro wafashwe ku kibazo cyawe.
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ishobora kuba Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi cyangwa Minisitiri y'Ubutabera
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Ibibazo bitabonewe ibisubizo bishobora gushyikirizwa Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Iyi serivisi ntirebwa n'ibibazo bijyanye n'ibihano by'imyitwarire ku mukozi wa Leta. Bene ibyo bibazo bishyikirizwa Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta
Impapuro zuzuzwa	
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	

2. GUSABA GUHAGARIKA AKAZI MU GIHE KITAZWI UBWOKO BWA SERIVISI: Umurimo

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	Gusaba guhagarika akazi mu gihe kitazwi ku bakozi ba Leta.
Serivisi itangwa ryari?	Ku wa mbere kugeza ku wa gatanu, kuva saa moya za mu gitondo kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Mu gihe ibyangombwa byose bisabwa byatanzwe, igisubizo kiboneka mu minsi itatu.
Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?	Serivisi ntiyishyurwa
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	Ku bakozi bari ku rwego ruri hasi y'urw'Ubuyobozi: • Ibaruwa isaba guhagarika akazi mu gihe kitazwi yandikiwe Minisitiri • Kopi y'ibaruwa iguha akazi yatanzwe na MIFOTRA Ku bakozi bari ku rwego rw'Ubuyobozi n'imyanya bihuye: • Ibaruwa isaba guhagarika akazi mu gihe kitazwi yandikiwe Minisitiri • Kopi y'Iteka rishyiraho Umuyobozi • Ibaruwa yanditswe n'Umunyamabanga Uhoraho w'Urwego yemerera Umuyobozi gusaba guhagarika akazi mu gihe kitazwi

Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?	• Kujya mu Bunyamabanga Rusange bwa MIFOTRA; • Gutanga ibyangombwa byose bisabwa; • Ubona igisubizo mu buryo bw'inyandiko mu gihe cyavuzwe haruguru. Ku Bayobozi, guhagarika akazi mu gihe kitazwi byemezwa n'Inama y'Abaminisitiri. * Akenshi, mbere yo kwemerera umukozi guhagarika akazi mu gihe kitazwi, MIFOTRA ibanza kubaza amakuru amwe n'amwe yerekeye uwo mukozi mu Ishami rishinzwe imicungire y'abakozi b'Urwego akoramo cyangwa Umuyobozi we.
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ntabyo
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Nta buryo bwo kurenganurwa buteganyijwe
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Abakozi ba Leta ntibemerewe kureka imirimo bakoraga batarahabwa ibaruwa ibemerera guhagarika akazi mu gihe kitazwi cyangwa Inama y'Abaminisitiri itarafata umwanzuro bitewe n'icyiciro umukozi aherereyemo.
Impapuro zuzuzwa	
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	

3. GUSABA ICYEMEZO CY'UKO WAKOREYE LETA

UBWOKO BWA SERIVISI: Impapuro n'Ibyangombwa

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	Abantu bigeze gukorera Leta mu buryo buteganywa n'amategeko bashobora gusaba icyemezo cy'uko bakoreye Leta muri MIFOTRA. Icyemezo cy'uko wakoreye Leta kigaragaza igihe umuntu yakoreye Leta n'Imyanya yakozemo.
Serivisi itangwa ryari?	Ku wa mbere kugeza ku wa Gatanu, saa moya za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba.
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iminsi itatu (3)
Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?	Iyi serivisi ntiyishyurwa
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	Ibaruwa ibisaba yandikiwe Minisitiri
Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?	• Kujya mu Bunyamabanga Rusange bwa MIFOTRA • Gutanga ibyangombwa byose bisabwa • Kugaruka nyuma y'iminsi itatu gufata icyemezo cy'uko wakoreye Leta.
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ntabyo
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Nta buryo bwo kurenganurwa buteganyijwe
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	
Impapuro zuzuzwa	
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	

4. GUSABA ICYEMEZO CY'UMUSHAHARA

UBWOKO BWA SERIVISI: Impapuro n'Ibyangombwa

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	Abantu bakoreye Leta mu buryo buteganywa n'amategeko bashobora gusaba icyemezo cy'umushahara muri MIFOTRA. Icyemezo cy'umushahara kigaragaza, ku buryo burambuye, umushahara wa nyuma umukozi yahembwe ujyanye n'umwanya/imyanya yakozemo.
Serivisi itangwa ryari?	Ku wa mbere kugeza ku wa gatanu, saa moya za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iminsi itatu (3)
Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?	Iyi serivisi ntiyishyurwa
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	Ibaruwa ibisaba yandikiwe Minisitiri
Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?	• Kujya mu Bunyamabanga Rusange bwa MIFOTRA • Gutanga ibaruwa ibisaba • Kugaruka nyuma y'iminsi itatu gufata icyemezo cy'umushahara
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ntabyo
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Nta buryo bwo kurenganurwa buteganyijwe
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	
Impapuro zuzuzwa	
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	

5. GUHABWA IBARUWA IGUSHYIRA MU MWANYA

UBWOKO BWA SERIVISI: Impapuro n'Ibyangombwa

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta ishyikiriza MIFOTRA raporo z'amapiganwa ku myanya ikeneye abakozi mu Nzego z'Ubutegetsi Bwite bwa Leta kugira ngo bashyirwe mu myanya. Raporo igomba kuba iherekejwe n'ibyangombwa bisabwa kugira ngo umukozi ashyirwe nu mwanya.
Serivisi itangwa ryari?	Kuwa mbere kugeza ku wa gatanu, saa moya za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Mu gihe ibyangombwa byose byuzuye, igisubizo gitangwa mu minsi itatu
Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?	Iyi serivisi ntiyishyurwa
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	Gutsinda ibizamini
Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?	Iyo Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta yashyikirije MIFOTRA raporo y'amapiganwa, uza gufata ibaruwa igushyira mu mwanya nyuma y'iminsi itatu.
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Nta buryo bwo kurenganurwa buteganyijwe
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	
Impapuro zuzuzwa	
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	

6. GUSABA IBARUWA IGUSHYIRA MU KIRUHUKO CY'IZA BUKURU

Ubwoko bwa serivisi: Impapuro n'Ibyangombwa

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	Abantu bakoreye Leta mu buryo buteganywa n'amategeko bashobora gusaba ibaruwa ibashyira mu kiruhuko cy'iza bukuru muri MIFOTRA.
Serivisi itangwa ryari?	Ku wa mbere kugeza ku wa gatanu, kuva saa moya kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iminsi itatu (3)
Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?	Iyi serivisi ntiyishyurwa
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	Ibaruwa ibisaba yandikiwe Minisitiri
Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?	• Kujya mu Bunyamabanga Rusange bwa MIFOTRA • Gutanga ibaruwa ibisaba • kugaruka gufata ibaruwa igushyira mu kiruhuko cy'iza bukuru nyuma y'iminsi itatu
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ntazo
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Nta buryo bwo kurenganurwa buteganyijwe
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	
Impapuro zuzuzwa	
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	

B. SERIVISI ZITANGWA N'ISHAMI RISHINZWE IGENAMIGAMBI, IVUGURURA RY'INZEGO NO KONGERERA ABAKOZI UBUSHOBOZI

7. GUSABA ICYEMEZO CYO KUJYA MU MAHUGURWA HANZE Y'IGIHUGU (A QUI DE DROIT)

UBWOKO BWA SERIVISI: Impapuro n'Ibyangombwa

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	Iki ni Icyemezo gihabwa umukozi wa Leta cyimwemerera kujya mu mahugurwa hanze y'u Rwanda. Kigaragaza umwirondoro w'akazi k'umukozi ugihabwa kandi cyikemeza ko urugendo rwe rwemewe kandi rujyanye n'akazi. Icyemezo cyo kujya mu mahugurwa hanze y'igihugu (a qui de droit) kigufasha kugira ngo uhabwe viza y'akazi kandi ubashe guhabwa amafaranga y'urugendo n'ay'icumbi nk'uko biba byemejwe na MIFOTRA.
Serivisi itangwa ryari?	Ku wa mbere kugeza ku wa gatanu, saa moya za mu gitondo kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iminsi itanu uhereye umunsi ugusaba kwakiriwe
Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?	Iyi serivisi ntiyishyurwa

Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	• Gushyikiriza mu Bunyamabanga Rusange bwa MIFOTRA ibyangombwa byose bisabwa; • Ubunyamabanga Rusange bukabyohereza mu Ishami rifite kongerera abakozi ubusgobozi mu nshingano zaryo; • Umukozi ushinzwe amahugurwa agategura amasezerano asinywa hagati ya Minisitiri n'umukozi wa Leta ugomba kujya mu mahugurwa; • Iyo impande zombi zimaze gusinyana amasezerano, Icyemezo cyo kujya mu mahugurwa (à qui de droit) kirategurwa kigasinywa na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo; • Hanyuma umukozi ugomba kujya mu mahugurwa agahamagarwa gufata icyemezo cye.

Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?	• Ibaruwa isabira umukozi icyemezo cyo kujya mu mahugurwa (á qui de droit) yandikwa n'Umuyobozi ubifitiye ububasha w'Ikigo umukozi ugomba kujya mu mahugurwa akoramo; • Ibaruwa itumira umukozi mu mahugurwa itangwa n'Ikigo cy'Amahugurwa (ku bashaka kujya kwiga icyiciro cya gatatu cya Kaminuza (masters programs), basabwa ibaruwa igaragaza ko bemerewe kwiga muri Kaminuza, (admission letter); • Gahunda y'amahugurwa ku bakozi bakora muri icyo Kigo yemejwe n'akanama gashinzwe ibijyanye no kongerera abakozi ba Leta ubushobozi; • Inyandiko igaragaza isano iri hagati y'amahugurwa n'inshingano z'umukozi; • Ibyangombwa by'inzira; • Inyandiko (fagitire) igaragaza amafaranga y'urugendo azacyenerwa; • Kuzuza impapuro zabugenewe zitangwa na MIFOTRA.
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ugomba kubanza kubaza niba Ikigo ukoramo cyarashyikirije MIFOTRA gahunda y'amahugurwa ku bakozi bacyo. Iyo nta gahunda yemejwe, usaba kujya mu mahugurwa ntabwo abyemererwa.
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Nta buryo buteganyijwe bwo kurenganurwa

Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Iyi serivisi ireba gusa abakozi ba Leta bagengwa na Sitati Rusange igenga Inzego z'Imirimo ya Leta. Gusaba guhabwa icyemezo cyo kujya mu mahugurwa (à qui de droit) bisabwa iminsi cumi n'itanu mbere y'itariki yo kugenda.
Impapuro zuzuzwa	
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	

C. SERIVISI ZITANGWA N'UBUYOBOZI BUKURU BW'UMURIMO

8. KUMENYEKANISHA NO GUSOBANURA AMATEGEKO AGENGA UMURIMO

Ubwoko bwa serivisi: Uburezi

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	Kugira ngo amategeko mashya atangire gukurikizwa agomba kumenyeshwa abaturage mu buryo no mu nzira biteganywa n'amategeko. Ni muri urwo rwego Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo ikora ibikorwa byo kumenyekanisha no gusobanura amategeko ajyanye n'Umurimo mu Rwanda.
Serivisi itangwa ryari?	Ku wa mbere kugeza ku wa gatanu, saa moya za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba. Cyakora mu gihe bibaye ngombwa, amasaha y'akazi ashobora kongerwa.
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Serivisi itangwa ako kanya
Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?	Iyi serivisi ntiyishyurwa
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	Ntabyo

Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?	• Kujya mu Buyobozi Bukuru bw'Umurimo ugasobanura ikibazo, icyifuzo cyagwa igitekerezo cyawe; • Mu gihe usanze abakozi babishinzwe bahari uhita uhabwa igisubizo, inama cyangwa ukayoborwa icyo ugomba gukora; • Mu gihe nta mukozi uhasanze wagufasha, uhabwa gahunda y'igihe gikwiye ugarukiraho.
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ntabyo
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Nta buryo bwo kurenganurwa buteganyijwe
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	
Impapuro zuzuzwa	
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	

9. GUSABA IBARURISHAMIBARE RIJYANYE N'UMURIMO UBWOKO BWA SERIVISI: Impapuro n'Ibyangombwa

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	Umuntu wese wifuza kubona ibarurishamibare rijyanye n'umurimo ashobora kubibona muri Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo. Urugero: Ibarurishamibare ry'Imirimo ikoreshwa abana, ibarurishamibare ry'imirimo n'abakozi muri buri cyiciro (urugero: ubuhinzi, Inzego za Leta cyangwa Abikorera) n'icyerekezo cy'imirimo ikorwa ubu.

Serivisi itangwa ryari?	Ku wa mbere kugeza ku wa gatanu, saa moya za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba. Cyakora mu gihe bibaye ngombwa, amasaha y'akazi ashobora kongerwa.
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Igihe bifata kugira ngo uhabwe serivisi giterwa n'imiterere y'ibyo usaba
Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?	Iyi serivisi ntiyishyurwa
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	Ntazo
Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?	• Kujya mu Buyobozi Bukuru bw'Umurimo ugasobanura ikibazo cyawe, icyifuzo cyangwa igitekerezo ; • Bakuyobora ku mukozi ubishinzwe ugufasha kubona ibyo ukeneye byose; • Iyo amakuru ukeneye ahita aboneka, nawe uhita uhabwa igisubizo ako kanya; • Mu gihe ibyo wifuza bisaba umwanya uhagije wo kubikusanya, usabwa gusiga aderesi bazaguhamagaraho bakumenyesha ko ibyo wasabaga byose byamaze kwegeranywa.
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ntazo
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Nta buryo bwo kurenganurwa buteganyijwe
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo ishyikiriza Umuryango Mpuzamahanga wita ku Murimo raporo zijyanye n'ibarurishamibare ry'umurimo. Izo raporo zishobora kwifashishwa n'abantu bose binyuze mu Muryango Mpuzamahanga wita ku Murimo uzitangaza.
Impapuro zuzuzwa	
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	

10. KUNGA NO GUHUZA UMUKOZI N'UMUKORESHA KU MPAKA ZIJYANYE N'UMURIMO

UBWOKO BWA SERIVISI: Umurimo

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	Impaka zijyanye n'umurimo zaba izireba umukozi ku giti cye cyangwa izireba abakozi benshi zicyemurwa n'Umugenzuzi w'Umurimo wo ku rwego rw'Akarere cyangwa rw'Igihugu. Impaka zireba abakozi benshi bahererey mu Turere dutandukanye zihita zishyikirizwa Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo.
Serivisi itangwa ryari?	Ku wa mbere kugeza ku wa gatanu, saa moya za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba. Cyakora mu gihe bibaye ngombwa, amasaha y'akazi ashobora kongerwa.
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Mu gihe cy'iminsi irindwi uhereye igihe ikibazo cyashyikirijwe Urwego bireba, umukozi n'umukoresha batumizwa n'Umugenzuzi Mukuru w'Umurimo cyangwa Minisitiri bitewe n'ubwoko n'uburemere bw'impaka zavutse kugira ngo hashakwe igisubizo kuri izo mpaka. Iyo hari uruhande rutitabiriye ubutumire, inama irasubikwa ikimurirwa ku wundi munsi.
Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?	Iyi serivisi ntiyishyurwa
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	• Kopi y'amasezerano y'akazi, • Kopi y'imiterere y'Ikigo, • Inyandiko igaragaza ko umukoresha atangira umukozi imisanzu mu Isanduku y'Ubwiteganyirize (bitangwa n'abakoresha).

Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?	• Impaka zireba umukozi ku giti cye cyangwa zireba abakozi benshi ku rwego rw'Igihugu; • Kujya ku Mugenzuzi w'Umurimo akumva imiterere y'ikibazo maze akakugira inama kandi akagusaba kubanza kujya gushakisha igisubizo hagati y'umukozi n'umukoresha; • Mu gihe nyuma y'inama z'Umugenzuzi w'Umurimo nta gisubizo kibashije kuboneka, ikibazo cyawe ugishyira mu nyandiko maze ukabishyikiriza mu Bunyamabanga Rusange bwa MIFOTRA; • Ikibazo kirasuzumwa maze impande zombi zirebwa nacyo zigatumizwa mu nama n'Umugenzuzi w'Umurimo; • Muri iyo nama Umugenzuzi w'Umurimo yumva impande zombi maze akagerageza kuzifasha kubona igisubizo gikwiye; Nyuma y'inama, impande zombi zishyira umukono ku nyandiko mvugo y'inama igaragaza niba impande zombi zabashije kugera ku: • kwiyunga • kwiyunga kuri bimwe • nta kwiyunga kwabayeho Mu gihe habayeho kwiyunga kuri bimwe cyangwa nta kwiyunga kwabayeho, iyi nyandiko mvugo ikoreshwa nk'ikimenyetso ku rwego rw'ubujurire bukurikiraho. Impaka zireba umukozi ku giti cye cyangwa abakozi benshi ku rwego rw'Akarere: • Inzira zikoreshwa ni zimwe n'izikoreshwa ku rwego rw'Igihugu zavuzwe haruguru, itandukaniro riri gusa ko ikibazo cyanditse gishyikirizwa Umugenzuzi w'Umurimo ku rwego rw'Akarere. • Impaka zireba abakozi benshi bahereye mu Turere dutandukanye zihita zishyikirizwa Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo. •

Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Mu gihe habayeho kumvikana no kwiyunga kuri bimwe cyangwa nta kwiyunga kwabayeho ku mpaka zireba umukozi umwe cyangwa abakozi benshi, uruhande rutanyuzwe rushobora kwitabaza Inkiko zibifitiye ububasha. Iyo impande zirebwa n'impaka z'umurimo zireba abakozi benshi bahererey e mu Turere dutandukanye zitabashije kumvikana no kwiyunga, ubujurire bushyikirizwa Inama y'Igihugu y'Umurimo.
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	
Impapuro zuzuzwa	
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	

11. GUTANGAZA IMYANYA ICYENEYE ABAKOZI MU MIRYANGO MPUZAMAHANGA

UBWOKO BWA SERIVISI: Umurimo

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	Imiryango Mpuzamahanga nk'Amashami y'Umuryango w'Abibumbye, Umuryango uhuza Ibihugu by'Iburayi n'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika imenyesha MIFOTRA amakuru ajyanye n'imyanya icyeneye abakozi kugira ngo itangazwe. MIFOTRA nayo igakwirakwiza ayo makuru ikoresheje uburyo n'inzira bitandukanye.
Serivisi itangwa ryari?	Ku wa mbere kugeza ku wa gatanu, saa moya za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba. Cyakora mu gihe bibaye ngombwa, amasaha y'akazi ashobora kongerwa.

Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iyo imyanya itangajwe, haba ku rubuga rwa MIFOTRA cyangwa ahagenewe kumanika amatangazo ya MIFOTRA, ucyeneye amakuru ayabona igihe icyo aricyo cyose.
Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?	Iyi serivisi ntiyishyurwa
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	Ntabyo
Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?	• Igihe cyose MIFOTRA ihawe amakuru ajyanye n'imyanya icyeneye abakozi mu Miryango Mpuzamahanga, itangazo rinyuzwa mu kinyamakuru Imvaho Nshya kugira ngo abagisoma bamenye ayo makuru; • Amakuru n'ibyangombwa bicyenerwa bijyanye na buri mwanya ucyeneye umukozi bishyirwa ku rubuga rwa MIFOTRA n'ahagenewe kumanikwa amatangazo mu nyubako MIFOTRA ikoreramo; Abakandida babishaka kandi bujuje ibyangombwa bisabwa bagomba kumenya ibi bikurikira: • Amabaruwa asaba akazi kuri buri mwanya n'ibyangombwa bisabwa bishyikirizwa Umuryango/Ikigo gicyeneye abakozi aho kuba MIFOTRA, kimwe n'ibindi bibazo bijyanye no kumenya ibicyenewe ku mwanya runaka, igihe ntarengwa cyo gutanga amabaruwa asaba, n'ibindi, bibazwa Umuryango/ Ikigo cyifuza abakozi ntibibarizwa muri MIFOTRA.
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ntazo
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Nta buryo bwo kurenganurwa buteganyijwe

Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	
Impapuro zuzuzwa	
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	

12. KWANDIKA ABIFUZA KWIMENYEREZA UMWUGA

UBWOKO BWA SERIVISI: Umurimo

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo yashyizeho Porogaramu zijyanye n'umurimo. Muri zo harimo Porogaramu yo kwimenyereza umwuga. Iyi Porogaramu ikaba yarashyiriweho Urubyiruko rurangiza za Kaminuza ariko rukaba rutarabona akazi. Kugira ngo wiyandikishe muri iyi Porogaramu ugomba kuba nibuze umaze umwaka umwe udafite akazi kandi wararangije muri Kaminuza cyangwa Ishuri Rikuru (Aon a A1). MIFOTRA igushakira Urwego/ Ikigo cyijyanye n'ubumenyi bwawe maze ikakohereza kwimenyerezamo umwuga.
Serivisi itangwa ryari?	Ku wa mbere kugeza ku wa gatanu, saa moya za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba. Cyakora mu gihe bibaye ngombwa, amasaha y'akazi ashobora kongerwa.
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Bifata amezi atatu iyo wiyandikishije ngo bakubonere aho wimenyereza umwuga.
Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?	Iyi serivisi ntiyishyurwa
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	• Kuzuza inyandiko yabugenewe itangwa na MIFOTRA; • Kopi y'Impamyabushobozi iriho umukono wa Noteri; • Umwirondoro w'usaba

Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?	• Kujyana mu Bunyamabanga Rusange bwa MIFOTRA ibyangombwa byose bisabwa; • Ubunyamabanga Rusange bubyohereereza Ubuyobozi Bukuru bw'Umurimo kugira ngo hakorwe urutonde; • Iyo gukora urutonde no gushyira abasabye mu myanya hashingiwe ku bumenyi bwa buri wese birangiye, abujuje ibisabwa bahamagarwa hakoreshejwe itumanaho rya terefone; • Urwo rutonde kandi rumanikwa ahagenewe kumanikwa amatangazo mu nyubako MIFOTRA ikoreramo; • Abasabye bujuje ibyangombwa batumizwa mu nama bagirana na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo ndetse n'Abayobozi b'Ibigo boherejwe gukoreramo. Iyo nama iba umwanya wo gusobanura imiterere ya porogaramu no kumenyesha impande zombi, abimenyereza umwuga n'abakoresha babo, inshingano n'ibisabwa buri ruhande; • Nyuma y'inama, abasabye bagifite ubushake bwo gukurikirana porogaramu basinya amasezerano.
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ntazo
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Nta buryo bwo kurenganurwa buteganyijwe. Cyakora, abasabye batashyizwe mu myanya bifuza guhabwa ibisobanuro by'impamvu batatoranyijwe bashobora kwiyizira mu Buyobozi Bukuru bw'Umurimo bakabihabwa.

Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	
Impapuro zuzuzwa	
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	

13. GUTEZA IMBERE UMURIMO W'URUBYIRUKO N'ABAGORE

UBWOKO BWA SERIVISI: Umurimo

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo ikorana n'Urugaga rw'Abikorera, Inzego za Leta na Sosiyete Sivire mu guteza imbere imirimo y'Urubyiruko n'iy'Abagore by'umwihariko. MIFOTRA ihuza ibikorwa, ikareberera ndetse ikagenzura amahugurwa n'indi mishinga cyangwa porogaramu cyane cyane nk'ibyemejwe n'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko, Inama y'Igihugu y'Abagore cyangwa Inzego z'Ibanze.
Serivisi itangwa ryari?	Ku wa mbere kugeza ku wa gatanu, saa moya za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba. Cyakora mu gihe bibaye ngombwa, amasaha y'akazi ashobora kongerwa.
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Igihe giterwa n'ubwoko n'imiterere by'ibisabwa.
Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?	Iyi serivisi ntiyishyurwa
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	• Ibaruwa ibisaba yandikiwe Minisitiri; • Inyandiko y'umushinga isobanura inkunga icyenewe cyangwa Ingengo y'Imari yateganyirijwe amahugurwa.

Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?	• Kujya mu Bunyamabanga Rusange bwa MIFOTRA ugatanga ibyangombwa byose bisabwa; • Iyo ari ngombwa, Ubunyamabanga Rusange bwohererezа Minisitiri cyangwa Umunyamabanga Uhoraho kugira ngo babitangeho umurongo ngenderwaho; • Hanyuma idosiye ishyikirizwa Ubuyobozi Bukuru bw'Umurimo kugira ngo buyisesengure byimbitse; Iyo inkunga y'umushinga cyangwa y'amahugurwa isabwa yemejwe kandi ibasha kuboneka: • Ubona ibaruwa ya MIFOTRA ibikumenyesha; • Iyo baruwa igaragaza neza inkunga yemerewe Urwego/Ikigo cyawe, mu gihe ibaruwa yemera inkunga y'amahugurwa igaragaza itariki, ahantu, imiterere n'Ingengo y'Imari yagenewe amahugurwa; • Ibaruwa iba igaragaza na none umunsi uzazira gusinya amasezerano muri MIFOTRA. ✤ Amafaranga y'inkunga atangwa hashingiwe ku mafaranga ahari yateganyirijwe ibyo bikorwa. Iyo inkunga y'amahugurwa yemewe ariko nta mafaranga ahari: • Uhabwa ibaruwa ya MIFOTRA ikumenyesha ko n'ubwo wemerewe inkunga ugomba kwihangana ukimura igihe cy'amahugurwa mu gihe ugitegereje ko amafaranga aboneka. Iyo ugusaba inkunga y'amahugurwa kutemejwe: • Uhabwa ibaruwa ya MIFOTRA ikumenyesha impamvu ugusaba kwawe kutemejwe.

	✤ Mbere y'uko ugusaba kwawe kwemerwa habanza kubaho igikorwa cy'igenzura kugira ngo hasuzumwe imiterere y'ibikorwa by'Ikigo cyasabye inkunga y'amahugurwa ndetse harebwe niba koko ibikorwa byasabiwe inkunga biri mu nshingano z'Ikigo. Ubuyobozi Bukuru bw'Umurimo bukorana cyane n'Umugenzuzi w'Umurimo mu Karere mu gukora iryo genzura.
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ntazo
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Umwanzuro wa Minisitiri ku bijyanye n'inkunga cyangwa imfashanyo ku mahugurwa ntusubirwaho. Cyakora, iyo ushaka kumenya impamvu ugusaba kwawe kutemejwe, ushobora kwegera Ubuyobozi Bukuru bw'Umurimo bukaguha ibisobanuro bihagije.
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	
Impapuro zuzuzwa	
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	

14. KWANDIKA INGAGA Z'ABAKOZI

UBWOKO BWA SERIVISI: Umurimo

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo ishinzwe kwandika Ingaga z'Abakozi zikorera mu rwanda. Minisiteri yorohereza kandi ibindi bijyanye n'Ingaga z'Abakozi.
Serivisi itangwa ryari?	Ku wa mbere kugeza ku wa gatanu, saa moya za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba. Cyakora mu gihe bibaye ngombwa, amasaha y'akazi ashobora kongerwa.
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Ukwezi kumwe.
Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?	Iyi serivisi ntiyishyurwa. Cyakora, MIFOTRA isaba Ibiro bya Minisitiri w'Intebe ko kwandikwa by'Urugaga rw'Abakozi bisohoka mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Urugaga nirwo rwishingira ikiguzi cyijyanye nabyo.
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	• Amategeko Ngengamikorere y'Urugaga rw'Abakozi; • Kopi y'inyandiko mvugo y'Inama Rusange ya mbere y'Urugaga rw'Abakozi iriho umukono wa Noteri kandi isinyweho n'abanyamuryango bose; • Inyandiko igaragaza umusanzu wa buri munyamuryango; • Urutonde rw'abanyamuryango bose; • Ibaruwa ibisaba inyujijwe ku Muyobozi w'Akarere Urugaga ruteganya gukoreramo.

Binyura mu zihe nzira kugira ngo uyihabwe?	• Iyo gusaba byabereye ku rwego rw'Igihugu, kujya mu Buyobozi Bukuru bw'Umurimo muri MIFOTRA cyangwa mu Bugenzuzi bw'Umurimo iyo gusaba byabereye ku rwego rw'Akarere hanyuma ugatanga ibyangombwa byose bisabwa; • Gusesengura ugusaba hanyuma hagategurwa ibijyanye no gusura Urugaga rw'Abakozi; • Gukora raporo y'isurwa hashingiwe ku myanzuro yafashwe yo kwemerera cyangwa guhakanira Urugaga rw'Abakozi; • Kumenyeshwa umwanzuro wafashwe mu buryo bw'inyandiko; • Iyo ugusaba kwemejwe, MIFOTRA igushyikiriza Ibiro bya Minisitiri w'Intebe kugira ngo byandikwe kandi bisohorwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ibaruwa isaba inyuzwa ku Buyobozi bw'Akarere Urugaga ruzakoreramo.
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Ibibazo, inama n'ibitecyerezo bijyanye n'iyi serivisi bibazwa mu Buyobozi Bukuru bw'Umurimo ku rwego rw'Igihugu cyangwa mu Bugenzuzi bw'Umurimo ku rwego rw'Akarere.
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	
Impapuro zuzuzwa	
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	

D.SERIVISI ZITANGWA N'ISHAMI RISHINZWE IMARI N'UBUTEGETSI

15. KWISHYURA FAGITIRE N'AMASHEKI

Ubwoko bwa serivisi: Kwishyura

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	MIFOTRA icyenera serivisi zitangwa n'abantu batandukanye. Abatanze izo serivisi (kunganira mu bya tekiniki, gusana ibikoresho, gutwara abakozi, inama, n'ibindi) baza gusaba kwishyurwa muri iri Shami.
Serivisi itangwa ryari?	Ku wa mbere kugeza ku wa gatanu, kuva saa moya za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	• Kwishyura hakoreshejwe sheki bifata iminsi itatu; • Kwishyura hakoreshejwe inyandiko zitanga uburenganzira bwo kwishyura (Payment Order) bifata igihe kiri hagati y'icyumweru n'ukwezi kumwe.
Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?	Iyi serivisi ntiyishyurwa

Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	Kwishyura hakoreshejwe inyandiko zitanga uburenganzira bwo kwishyura: 1. Ibisabwa uwishyuza: • Inyandiko ihamagarira abantu kugurisha ibikoresho cyangwa gutanga serivisi • Amasezerano • Inyandiko igaragaza ko yazanye ibikoresho cyangwa yatanze serivisi • Ibaruwa imumenyesha ko yatsindiye isoko • Fagitire na konti yo muri Banki 2. Ibyo ushinzwe amasoko agaragaza: • Inyandiko igaragaza ko ibikoresho byinjiye cyangwa ko serivisi yatanzwe • Inyandiko mvugo y'inama ya Komite ishinzwe iby'amasoko Kwishyura hakoreshejwe sheki: • Ibyangombwa byose byavuzwe haruguru naho biracyenerwa cyangwa bimwe na bimwe ntibikenerwe

Binyura mu zihe nzira kugira ngo uyihabwe?	• Kugeza mu Bunyamabanga Rusange bwa MIFOTRA ibyangombwa byose bisabwa; • Ubunyamabanga Rusange bubishyikiriza Ishami rishinzwe Imari n'Ubutegetsi; • Nyuma y'iminsi ibiri ushobora guhamagara cyangwa ukegera umukozi ushizwe gucunga Ingengo y'Imari cyangwa Ibaruramari kugira ngo urebe ko fagitire yawe yasuzumwe, yanditswe cyangwa yishyuwe cyangwa se iri mu nzira zo kwishyurwa (ibi umuntu ashobora kubikora cyangwa ntabikore) • Kwishyurwa bikorwa n'Umukozi ushinzwe gucunga Ingengo y'Imari, Umuyobozi ushinzwe Imari n'Ubutegetsi n'Umunyamabanga Uhoraho, bikoherezwa muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi kugira ngo bisuzumwe ndetse bisinywe hanyuma bikoherezwa muri Banki Nkuru y'Igihugu nayo igashyira amafaranga kuri konti y'usaba kwishyurwa.
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	• Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi • Banki Nkuru y'Igihugu • Banki y'uwasabye kwishyurwa
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Kwiyambaza Umuyobozi w'Ishami ry'Imari n'Ubutegetsi cyangwa Umunyamabanga Uhoraho muri MIFOTRA
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	
Impapuro zuzuzwa	
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	Ushobora gukoresha Itegeko ry'Ingengo y'Imari cyangwa Itegeko rigenga Amasoko ya Leta

16. KWISHYURA AMAFARANGA Y'AMAHUGURWA N'NGENDO Z'INDEGE

UBWOKO BWA SERIVISI: kwishyura

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	MIFOTRA yishyurira Umukozi wa Leta wemerewe kujya mu Mahugurwa n'Akanama gashinzwe kongerera abakozi ubushobozi amafaranga y'amahugurwa, ay'urugendo rw'indege n'ay'icumbi hanze y'Igihugu.
Serivisi itangwa ryari?	Ku wa mbere kugeza ku wa gatanu, kuva saa moya za mu gitondo kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Amasaha ane.
Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?	Iyi serivisi ntiyishyurwa
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	• Ibyangombwa by'inziraTravel clearance • Fagitire y'Itike y'indege
Binyura mu zihe nzira kugira ngo uyihabwe?	• Kujya mu Ishami rishinzwe Imari muri MIFOTRA witwaje ibyangombwa by'inzira na fagitire y'itike y'indege. • Guhabwa gahunda yo kugaruka gufata ibyangombwa bituma ujya gufata amafaranga kuri banki.
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	• Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi • Banki Nkuru y'Igihugu • Ikigo cy'amahugurwa
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Ushobora kwitabaza Umuyobozi w'Imari n'Ubutegetsi muri MIFOTRA ikibazo cyawe kigacyemurwa mu gihe kiri hagati y'isaha imwe n'amasaha abiri.

Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Umwanzuro w'Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 11/02/2009 yerecyeranye n'amahugurwa y'abakozi ba Leta.
Impapuro zuzuzwa	
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	

Byemejwe na



MULINDWA Samuel

Umunyamabanga Uhoraho muri MIFOTRA

Itariki:**27/08/2010**.....